# 85: Urukundo rw'Umukiza

1.
Urukundo rw'Umukiza Ni nk' amazi menshi cyane.
Ameze nk'isoko nziza Idudubiza muri we.Yesu ni we
wuguruye Rwa rure mbo rwo mw ijuru, Kugira ngo ndwinjiremo
Kubw' ubuntu bwi nsh' agira.

2.
Nababay' iminsi myinshi, Nasaga n'inyon' ihigwa. Natakiy' Umwami Yesu Na we ntiyanyirukanye.

3.
Mwiyumvir' igitangaza, Yanyogej' ibyaha byose, Kuber' ubwo bunt' agira Ndirimban' umunezero.

4.
Mu gitondo cy'agakiza Nzagera mur' iryo rembo. Kuber' urukund' afite Nzinjira mur' uwo murwa.

Visit us at indirimbo.com